Ref: EW/Met 17/10/2019/009

Kigali, kuwa 17 Ukwakira 2019

Iteganyagihe riburira

Imvura nyinshi irimo inkuba n'umuyaga

Meteo Rwanda iramenyesha abaturarwanda bose ko hagati ya tariki ya 17 na 19 Ukwakira 2019 hateganyijwe imvura mu bice byinshi by'igihugu iri hagati ya milimetero 10 na 40 ku munsi. Biteganyijwe ko iyi mvura iziyongera ku itariki ya 18 na 19 cyane cyane mu ntara y'Amajyepfo no mu majyepfo y'Intara y'Iburengerazuba. Iyi mvura iraterwa ahanini n'isangano ry'imiyaga ndetse n'ubuhehere bw'umwuka byiganje mu karere u Rwanda ruherereyemo.

Hateganyijwe kandi umuyaga uringaniye uri hagati ya metero 5 na metero 10 ku isegonda (5 - 10m/s), ariko ukaba wateza ingaruka zitandukanye cyane cyane mu ntara y'Iburasirazuba.

Dukurikije ko imvura izagwa mu minsi ikurikiranye, ahenshi mu gihugu hateganyijwe kwiyongera kw'amazi mu migezi bishobora guteza izindi ngaruka. Ni muri urwo rwego Meteo Rwanda isaba abaturarwanda bose kwitwararika muri ibi bihe by'imvura nyinshi ndetse no gukurikiza amabwiriza n'inama bahabwa n'inzego zifite gukumira ibiza mu nshingano zazo.

Hagize izindi mpinduka ziba kuri iri teganyagihe twazibagezaho.
Kubindi bisobanuro mwahamagara ku murongo utishyurwa **6080**.

Aimable GAHIGI
Umuyobozi Mukuru

P.O Box 898 KIGALI | E-mail :info@meteorwanda.gov.rw | @MeteoRwanda
Address: Nyarugenge KN2, 96st | Website: www.meteorwanda.gov.rw | Meteo Rwanda